

MAGAZINE



My STORY My VOICE

No: 4
UGUSHYINGO 2022



TUGANIRE KU BUZIMA BW'IMYOROROKERE



Save Generations Organization

Prepare, Empower and Equip the Future Generations

Umuryango nyarwanda, utari uwa Leta, uharanira iterambere ry'umwana, urubyiruko n'umugore.

Iki kinyamakuru cyandikwa ndetse kigasohorwa na **Save Generations Organization** ku bufatanye na **Kvinna Till Kvinna**



UKENEYE AMAKURU KU BURYO BURAMBUYE WABARIZA AHA HAKURIKIRA:

Ikicaro gikuru cya Save Generations Organization : Rwanda-Kigali-Gasabo-Remera – Nyabisindu-KG 8AV- Inzu no 104.

Website	E-mail	YouTube	Twitter	Facebook & Instagram	Telephone
www.sgorwanda.rw	savegenerationsorganization@gmail.com	SGO Rwanda Official	@SaveGenOrg	Save Generations Organization	+250783812690/ 0780227029

TUGANIRE KU BUZIMA BW'IMYOROROKERE



INKURU YANJYE IJWI RYANJYE



I JAMBO RY'IBANZE

Urubyiruko Muraho!.

Kugira amakuru ahagije birafasha. Umuryango **Save Generations Organization (SGO)** wishimiye kubagezaho numero ya kane (4) y'ikinyamakuru **“Tuganire ku buzima bw'imyororokere**, kizwi ku izina **“MY STORY, MY VOICE”**, kigamije guha umwanya abangavu n'ingimbi bagasangiza bagenzi babo inkuru z'impinduka ku buzima bwabo ku bijyanye n'ubuzima bw'imyororokere, ndetse no kwikorera ubuvugizi ku bibazo bikibugarije bibazitira mu kubona uburenganzira bwabo bwo kubona amakuru na serivise ku buzima bw'imyororokere.

Kuri iyi nshuro abangavu n'ingimbi bari hagati y'imyaka 10-19 babashije guhabwa amakuru y'ukuri ku buzima bw'imyororokere na Save Generations Organization, barasangiza bagenzi babo uburenganzira bamenye bafite ku buzima bw'imyororokere na serivise bijyana, Bagaragaje ko abangavu, ingimbi ndetse n'urubyiruko muri rusange ko bashobora guhura n'ingorane zitandukanye mu gihe badafite ubumenyi ndetse batazi n'uburenganzira bwabo bushingiye ku makuru nyayo ku buzima bw'imyororokere. Muri iki kinyamakuru murasangamo inkuru z'abangavu n'ingimbi zitandukanye, zigamije kwigisha no gutanga ubutumwa kuri bagenzi babo.

Harimo n'inyigisho zisoza zigaruka ku buvugizi ku bibazo by'abangavu n' urubyiruko ndetse n'ubumenyi mugezwaho na Save Generations Organization mu gice cyiswe “Haha ubwenge”.

“

Izi ni inkuru z'impinduka abangavu n'ingimbi bo mu mashuri abanza n'ayisumbuye mu karere ka Kamonyi na Gasabo mu bigo by'amashuri Save Generations Organization ikoreramo ibikorwa byayo byo kongerera ubumenyi abangavu n'ingimbi ku buzima bw'imyororokere, bifuje gusangiza bagenzi babo, abiga n'abatiga.


Dore ibyo bavuze k'uburenganzira bamenye bafite ku buzima bw'imyororokere na serivise bijyana, ihohoterwa ndetse n'ubumenyi bafite ku buzima bw'imyororokere.

”



UMVA INKURU YANJYE
MU IJWI RYANJYE!!!





Kugira amakuru y'ukuri ku buzima bw'imyororokere ni bumwe mu buryo bwiza bwagufasha.

Sinarinzi ko mfite uburenganzira ku buzima bwanjye bw'imyororokere, nahoraga niyumvisha ko umukobwa ari umunyantegere nke. Abakobwa bamwe na bamwe biyumvisha ko badashoboye, ndetse bakumva ko badafite uburenganzira bwo kwifatira ibyemezo ku bikorerwa umubiri wabo.

Nitwa **UMWIZERWA Sandrine**, Mfite imyaka 16, ndi umukobwa,

niga mu mwaka wa 3 w'amashuri yisumbuye mu kigo cya G.S Kabasare mu karere ka kamonyi.

Mbere y'uko mpabwa inyigisho ku buzima bw'imyororokere na Save Generations Organization narindi murujijo rw'amakuru y'ibihuha gusa, nagiraga amakuru nkura kuri bagenzi banjye kenshi akaza Atari amakuru y'ukuri, numvaga ko umukobwa adakwiye guhakana icyifuzo cy'umusore ndetse ko adafite uburenganzira bwo kwifatira icyemezo ku mu biri we, Ibyo byanteraga kwiyumvamo ko umukobwa ahora ari umunyantegere nke, nkumva ko hari ibyo ashobora gukoreshwa n'umugabo cyangwa umuhungu birimo no kuba yakorehwa imibonano mpuza bitsina kuko adafite bwabushobozi bwo kwifatira icyemezo gikwiye,

Kuri ubu namaze gusobanukirwa neza ko umukobwa nkanjye nawe afite uburenganzira bwo kwihitiramo ibimunyuze, ndetse ni nawe ubwe ukwiye kuba yafata icyemezo nyacyo kubikorerwa umubiri we ntawundi ubimuhitiyemo, mbasha gutandukanya amakuru nakira yaba muri bajenzi banjye ndetse nayo nasoma kumbuga nkoranyambaga, nzi kwigira inama nzima ku byemezo mfata ndetse nkazigira na bajenzi banjye nganira nabo nkabasangiza ubumenyi nahawe kugirango nabo babashe kugira amakuru yizewe kandi arimo kumenya guhitamo ibyemezo bizima.

Icyo nasaba abakobwa bajenzi banjye bagifite imyumvire nkiyo narimfite mbere, nuko bakwiye kumenya ko ari uburenganzira bwabo gufata ibyemezo bikwiye ku bikorerwa umubiri babo, bamenye ko aribo ubwabo bihitiramo uwo bazabana mugihe cyo kubaka urugo, ni bitinyuke bumve ko bakwiye kubaza no kugira amakuru ku buzima bw'imyororokere, nkanjye witinyutse nkamenya ko mfite ubwo burenganzira mbasha gufata icyemezo nyacyo. Harigihe ushobora kumva witinye muri wowe ariko siko bikwiye gukorwa, ubuzima bwacu buri mu biganza byacu, kugira amakuru y'ukuri ni bumwe mu buryo bwiza bwagufasha.

NAMENYE KO MFITE UBURENGANZIRA BWO GUHABWA AMAKURU Y'UKURI KU BUZIMA BW'IMYOROROKERE



*Kugira amakuru y'ukuri
birafasha*



Nasobanukiwe ubwiza bw'umubiri wanjye bituma numva ko nkwiye no kuwurinda ihohoterwa ryose.

Nitwa **UWAJENEZA Marie Rose**, ndi umukobwa, mfite imyaka 16, niga mu mwaka 3 w'amashuri yisumbuye mu kigo cya G.S Kabasare mu Karere ka Kamonyi. Abantu benshi, cyane cyane b'igitsina gabo bumva ko gukora kora ku mukobwa ntacyo bitwaye, nyamara ntibiyumvishe ko iyo umukozeho atabishaka ari ihohoterwa uba uri kumukorera, abakobwa bamwe n'abamwe baterwa isoni no kuvuga uwabahohoteye mugihe bakorewe ihohoterwa, rimwe na rimwe hakaba aho usanga babwirwa ko mugihe icyo cyibazo cyibaye byakemurirwa mu miryango yabo, nyamara ntibamenye ko iyo batagaragaje icyibazo cyibabayeho hari igihe bahura n'ingaruka zitandukanye zishingiye ku ihohoterwa bakorewe. Mbere y'uko mpabwa inyigisho n'umuryango Save Generations Organization ari naho nameneye ko mfite uburenganzira bwo kurindwa ihohoterwa, guhabwa amakuru y'ukuri ku buzima bw'imyororokere na serivise bijyana, nahoranaga isoni, naritinyaga nkumva ko ibyo kwitinyuka bitandeba numva bijyenewe abahungu gusa, ibyo byatumaga ndushaho kumva ko no gufata icyemezo muri jye bitandeba nkiri umwana, nkumva ko ibyo bireba abantu bakuru gusa, nashoboraga kuba nakorerwa ihohoterwa nkaba nanjye nabiceceka simbashe kubimenyekanisha,

numvaga kuganira ibijyanye n'ubuzima bw'imyororokere biteye ipfunwe, numva abandi bakubona nkumushizi w'isoni cyangwa bakakwita indaya, nyamara yaba jye ndetse na bajenzi banjye tukunva k'umuhungu we ntacyo bitwaye, rimwe na rimwe tukiyumvisha ko abahungu ari nabo baba bafite amakuru ahagije kandi y'ukuri ku buzima bw'imyororokere kuko aribo babifitiye uburenganzira, Nyamara sibyo, naje gusobanukirwa ko umwangavu cyangwa se umukobwa muri rusange nawe afite ubwoburenganzira bwo guhabwa amakuru ku buzima bw'imyororokere na serivise bijyana, nzi kuba navuga oya mugihe cyo guhakana no kuvuga yego mugihe nyacyo cyo kwemera,

NI IKI WABWIRA ABAKOBWA BAJZENZI BAWE?

Icyo nabwira abakobwa bajenzi banjye ni uko dufite uburenganzira bwo kurindwa ihohoterwa, mugihe hari urikorewe yabimenyesha abamukuriye, ababyeyi cyangwa se akabimenyesha inzego z'umutekano harimo na RIB, ndashimira Save generations organization ko yabashije kumpa inyigisho kurubu nkaba numva ko nanjye ndi umukobwa ushoboye kandi ufite amakuru y'ukuri ku buzima bw'imyororokere.



Abahungu benshi twibwira ko aritwe dufite uburenganzira buhagije ku mukobwa.

Niyumvishaga ko kugira icyo nkora k'umukobwa agomba guhita abyemera ku bushake bwanjye ntagombye kumusaba uburenganzira.

Nitwa **GAKIRE Aloyizi**, ndi umuhungu, mfite imyaka 17, niga mu mwaka wa 5 w'amashuri yisumbuye Indimi n'ubuvanganzo mu kigo cya G.S Bugoba mu karere ka Kamonyi. Mbere siniyumvishaga ko umukobwa ari uburenganzira bwe kwifatira icyemezo kubikorera umubiri we, mu biganiriro n'abandi bahungu twumvaga ko umukobwa agomba kubahiriza icyifuzo cy'umusore mu gihe agize icyo amusaba, ibyo byaterwaga no kutagira amakuru y'ukuri ku buzima bw'imyororokere n'uburenganzira bijyana, numvaga ubuzima bw'imyororokere ntakwiye kwigishwa ibijyanye nabwo, ndetse ntajya naho bari kubyiga kuko n'ibwiraga ko amakuru mfite ahagije, nyamara hari byinshi ntarinzi nkaba ntanatinyuka kuba nagira icyo mbaza cyangwa naka kijyanye n'ubuzima bw'imyororokere. Abahungu benshi twibwira ko dufite uburenganzira buhagije ku mukobwa, nyamara siko bimeze kuko umukobwa nawe afite uburenganzira bwo kukubwira ko ibyo umusaba atabishaka, akifatira icyemezo gikwiye muri we ndetse agahakanira abahungu bumva ko bamukoresha icyo bashatse.



NI ICYI WABWIRA ABAHUNGU BAGIFITE IMYUMVIRE NKIYO?

Icyo nabwira abahungu bumva ko umukobwa nta burenganzira afite ku bikorerwa umubiri we, bamenyeko umukobwa ari uwagaciro, bitondere ibyo bumva bamukoraho batabihereye uburenganzira nawe, bamenye ko bashiki bacu nabo badakwiye gufatirwa ibyemezo kubikorera umubiri wabo, nkaba nasozza mbwira abakobwa n'abahungu ko ubuzima bwimyororokere butureba twese, buriwese amenye ko afite uburenganzira bwo kugira amakuru no guhabwa serivise zijyendanye n'ubuzima bw'imyororokere.

Kwigishwa ku buzima

Bw'imyororokere

Bituma abangavu

n'ingimbi turushaho

kugira amakuru y'ukuri

tukirinda ibishuko.





Kwigishwa ku buzima bw'imyororokere byatumye ntinyuka, ndetse bimpa kugira amahitamo mazima ku myitwarire yanjye

Nitwa **UWASE Rosine**, ndi umukobwa, mfite imyaka 15, niga mu mwaka wa 3 w'amashuri y'isumbuye mu kigo cya G.S Gasogi mu karere ka Gasabo. Kwigishwa ku buzima bw'imyororokere byangiriye umumaro, nagiraga amakuru menshi y'ibihaha ndetse nkaniyumvisha byinshi muriye bidakwiye, burigihe nahoraga numva ntakwisanzurana nabahungu ngo tujye inama, yaba aho ntuye no ku ishuri nkinubira kuba mu matsinda y'amasomo nabo kuko nabonaga hari byinshi tudahuje, numvaga navugana n'abakobwa gusa akaba aribo bonyine tujya inama, burigihe nahoraga numva ko abahungu ari abashukanyi gusa, nabona umukobwa uganira nabo nkamufata muyindi shusho, ntamakuru narimfite k'ubuzima bw'imyororokere pe, numvaga abandi bavuga ngo umukobwa uri mu mihango cyangwa urwaye ibishishi iyo akoze imibonano mpuzabitsina n'umuhungu akira, iyo ntaza guhabwa inyigisho ku buzima bw'imyororokere na Save Generations Organization

nashoboraga kuba nagwa muri ibyo bishuko numvaga mu bandi, ubu narahindutse, mbasha kuganira ndetse nkajya inama n'abahungu kuko mba numva ko ntawankoresha icyo ntashaka, kuri ubu nashobora kugira amahitamo mazima mugihe hari uwashaka kunshuka ankoresha ibidakwiye, ndetse no mugihe nahura n'ihohoterwa nzi aho nabariza.



NKAWA WASOBANUKIWE

IBIJYANYE N'UBUZIMA

BW'IMYOROROKERE, NI IYIHE

NAMA WAGIRA ABAKOBWA

MURI RUSANGE?

Nkaba nagira inama abakobwa bajyenzibanyije ko bakwiye kwitinyuka bakabaza mu gihe bakeneye amakuru ku buzima bw'imyororokere, bakumva ko bashoboye kandi bakigirira icyizere, bakamenya kwifatira icyemezo ku buzima bwabo mugihe bahuye n'ibishuko.

Inkuru yanjye, Ijwi ryanjye





Maze kugera muri Save Generations Organization ngahabwa inyigisho, nahinduye imyumvire itariyo narimfite ku buzima bw'imyororokere.

Nitwa **TUYIZERE Jean Pierre**, ndi umuhungu ,
mfite imyaka 16, niga mu mwaka wa 3

w'amashuri y'isumbuye mu cyigo cya G.S Gasogi mu Karere ka Gasabo. Narinzi ko yaba jye cyangwa abakobwa turi mu cyigero cyimwe cy'imyaka tudakwiye guhabwa serivise zubuzima bw'imyororokere, numvaga bitatureba ari ibyo kwamuganga gusa, iyo bashiki bacu bajyaga mu mihango baraduhishaga cyane kubera kutamenya ko hari ubufasha twabaha, ahubwo kenshi nabo ubwabo babifataga nkigisebo, byatumaga jye nabajyenzi banjye tugira amakuru menshi y'ibihuha twumvane abandi andi tukayahabwa na bashiki bacu bashaka kudukusha ko bari mu mihango. Maze kugera muri Save Generations Organization nahinduye imyumvire narimfite ku buzima bw'imyororokere, nasobanukiwe neza ko imihango ku bakobwa atari igisebo nkuko twabibwirwaga na bashiki bacu. Kuri ubu


umukobwa uri mu mihango nabasha kumuzanira ibikoresho byisuku yakwifashisha mugihe abinsabye kuko numva ko nta gisebo cyirimo. Abahungu bajyenzi banjye ndetse n'abakobwa muri rusange bakwiye kumenya ko bemerewe guhabwa amakuru k'ubuzima bw'imyororokere na serivise z'ubuzima bw'imyororokere, abahungu kandi twirinde gushora bashiki bacu mubishuko kuko ntacyiza cyibibamo, nsaba ababyeyi ko nabo bakwiye kuba hafi yabana babo, bakabatega amatwi ndetse bakabaganiriza ku buzima bw'imyororokere.

Iyo ufite amakuru yizewe ubasha kugira amahitamo mazima mubyo ukora byose.



Nitwa **CYUZUZO Kevin**, ndi umukobwa, mfite imyaka 14, niga mu mwaka wa 4 w'amashuri abanza mu kigo cya G.S Kabuga mu karere ka Gasabo. Birakwiye ko abantu twese tugira amakuru y'ukuri ku buzima bw'imyororokere, by'umwihariko abangavu n'ingimbi, kugira amakuru birafasha, akenzhi usanga abakobwa aribo bakunda guhura n'ibishuko cyane bikabagiraho n'ingaruka muburyo bugaragara, iyo udafite amakuru yizewe ku buzima bw'imyororokere harigihe usanga waguye mu bishuko ugakora ibidakwiye byakugiraho ingaruka bitewe no kutamenya amakuru, Namenye ko iyo ufite amakuru yizewe ubasha kugira amahitamo mazima mubyo ukora byose,


ubasha kumenya neza ko udakwiye kugira isoni zo kubaza no kwaka icyo ukeneye cyose kijyanye n'ubuzima bw'imyororokere, yaba ari umubyeyi wawe, ukurera cyangwa se ahandi hose hatangirwa serivise zubuzima bw'imyororokere. Mbere ntarahabwa inyigisho na Save Generations Organization, nanjye nagiraga isoni zo kubaza icyo ntasobanukiwe, nabona impinduka ziba ku mubiri wanjye rimwe na rimwe nkagira isoni zibyho mbona, nkiheza mu bandi ndetse nkumva sinabiganiriza n'umubyeyi, kuri ubu aho nasobanukiwe nabwira abandi bajyenzi banjye ko badakwiye kugira isoni, nibitinyuke ndetse birinde kujya mu bishuko, bagire amakuru meza kandi yanyayo ku buzima bw'imyororokere, mu mibanire n'abandi ubushuti nibwiza ariko tumenye neza Inshuti zacu niba ntakibi zadushoramo, nkaba nasaba abakobwa ko bakwiye kumenya ko bafite uburenganzira bwo kugira amahitamo, bafite uburenganzira bwo kugira no guhabwa amakuru y'ukuri ku buzima bw'imyororokere.



Nitwa GASARO Sandra ndi umukobwa mfite imyaka 14, niga muwa 4 w'amashuri abanza mu cyigo cya G.S Kabuga mu Karere ka Gasabo

Gukora imibonanompuzabitsina bijyira igihe cyabyo, kandi n'uwayikoreshwa kungufu amenye neza ko hari inzego zihana uwayimukoresheje, witinya gutanga amakuru ku gihe mugihe hari uwagukorera ihohoterwa iryo ari ryo ryose, kugira amakuru ku buzima bw'imyorokere byatumye ntinyuka kuba nabaza ibyo ntasobanukiwe, ubu namenye ko nkwiye guhabwa ubujyanama n'amakuru y'ukuri ku buzima bw'imyorokere, ngahabwa ibyo nkeneye birimo n'ibikoresho byisuku mugihe ndi mu mihango, twirinde abadushuka baduha amakuru atariyo yashyira ubuzima bwacu mu kaga, kugira amakuru ni kimwe ariko no kugira amakuru y'ukuri ni ikindi cyiza kurushaho.

Abangavu n'ingimbi bo mu mashuri abanza n'ayisumbuye mu karere ka Kamonyi na Gasabo mu bigo by'amashuri Save Generations Organization ikoreramo ibikorwa byayo byo kongerera ubumenyi abangavu n'ingimbi ku buzima bw'imyororokere, bifuje gusangiza bagenzi babo abiga n'abatiga inkuru z'impinduka ku buzima bw'imyororokere



UBUVUGIZI KU BIBAZO BY'ABANGAVU N'INGIMBI KU BUZIMA BW'IMYOROROKERE.

1

Rimwe na rimwe usanga haraho ababyeyi batabasha kuganiriza abana babo ku buzima bw'imyororokere, muri uko kubaburira umwanya usanga abana batabisanzuraho mugihe bafite amakuru bakeneye kumenya k'ubuzima bw'imyororokere, bakaba bayabariza ahandi rimwe na rimwe usanga hatanizewe, tukaba dusaba ababyeyi ko bakwiye gutega amatwi abana babo bakajya bababa hafi kuko aribo batanga amakuru y'ukuri n'ubujyanama nyabwo ku bana babo.

2

Hari aho usanga mu miryango duturukamo abangavu benshi baterwa inda, imiryango yabo ikaba iya mbere mu guhishira uwahohoteye uwo mwangavu. Ugasanga babikora Babyita guharanira ishema ry'umuryango bagaceceka. Nyamara uwahohotewe we ahura n'ingaruka zihungabana iyo adahawe ubutabera n'ubufasha, tukaba dusaba imiryango ifite iyi myumvire ko bakwiye kumenya ko iyo uwahohotewe atabonye ubufasha byamuviramo ibibazo bitandukanye birimo n'ihungabana. Birakwiye ko uwakoze icyaha nkicyo yajya ajyewe imbere y'ubutabera akagihanirwa




HAHA UBWENGE!!!

Nitwa **UMUHOZA IHIMBAZWE Sandrine**, ndi umukobwa, mfite imyaka 21, narangije kwiga mu ishami ry'ubukungu muri Kaminuza yijyenga ya Kigali ULK, ubu ndi umukozi ukorana hafi n'abangavu n'ingimbi, nkaba ndi umukozi muri Save Generations Organization, ndashaka kuganiriza abangavu n'ingimbi ku buzima bw'imyororokere.

Bangavu n'ingimbi kugira amakuru y'ukuri ku buzima bw'imyororokere bifasha gukora amahitamo mazima, ndetse ni uburyo bwiza bwo kwirinda ibishuko byadushora mu byakwangiza ubuzima bwacu. Umwana w'umukobwa agomba kumenya kwihesha agaciro muri bagenzi be, akagira intego mu byo akora byose, kandi agaharanira kuzagera kucyo yiyemeje maze agashobora kwiteza imbere.

Muri iki gihe hariho umuvuduko witerambere aho abangavu n'ingimbi bakoresha cyane ikoranabuhanga, bagashishikazwa no kureba amakuru aba yagiye ashirwa kumbuga nkoranyambaga, aya makuru kenshi usanga haba harimo ayuzuyemo ibihuha bishobora gutuma imyitwarire kuri wamwana w'umukobwa cyangwa se w'umuhungu ihinduka agatangira kwitwara muburyo budasanzwe.

umwangavu wo mu myaka 10-19 ahura n'ibibazo byinshi kuko abagabo n'abahungu baba bamwifuzaga mu rwego rwo kumwishimishaho kandi bikarangira bamwangirije ubuzima nyuma yo guterwa inda akiri muto, kwanduzwa indwara zandurira mu mibinano mpuzabitsina, kwishora mu myitwarire igayitse y'uburaya, guta ishuri, ubusinzi n'ubwomanyi. Ni ngombwa rero ko umwangavu n'ingimbi bahabwa hakiri kare amakuru ku buzima bw'imyororokere n'uburenganzira bijyanye nabyo. Agasobanurirwa hakiri kare impinduka agenda ahura nazo ku mubiri we, agakangurirwa kwirinda ihohoterwa rishingiye ku gitsina ndetse akanaririndwa, agahabwa amakuru ku buzima bw'imyororokere ndetse na serivise bijyana.



Kugirango abangavu babashe kubaho neza ubuzima burambye, bagomba kumenya kuvuga OYA imbere y'ababashuka, bakigirira icyizere ndetse bagategura ubwabo imibereho myiza y'ejo hazaza. Igihe cyose hagize ubizeza imishinga ashaka kubakorera cyangwa abashukisha impano, bagomba gutinyuka kubibwira ababyeyi n'abarezi babo, bakabagisha inama. Abangavu n'ingimbi bamenye neza ko bafite uburenganzira bwo guhabwa amakuru ku buzima bw'imyororokere, inyigisho na serivise z'ubuzima bw'imyororokere, bamenye ko bafite uburenganzira bwo kurindwa ihohoterwa iryo ari ryo ryose, mugihe hari uwarikorera birakwiye ko agaragaza icyaha yakorewe hakiri kare maze agahabwa ubufasha n'ubutabera. Tugire amakuru y'ukuri ku buzima bw'imyororokere bizadufasha kugera ku byiza twifuzaga.

Yari inshuti yanyu
UMUHOZA IHIMBAZWE Sandrine
Save Generations Organization

**NUMERO WAHAMAGARA MUGIHE UHUYE
N'IKIBAZO UKENEYE UBUFASHA KURI IBI
BIKURIKIRA:**

3512	Ihohoterwa rikorerwa mungo, cyangwa rishingiye ku gitsina
3029	Isange One Stop Centre
116	Gutabariza umwana uri mu kaga



My STORY
My Voice

M@GAZiNE